# REPUBULIKA Y'U RWANDA

**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA RWAMAGANA**
**Email: info@rwamagana.gov.rw**

## ITANGAZO RIHAMAGARIRA GUPIGANIRA AMAVURIRO Y'IBANZE

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rwamagana buramenyesha abantu bafite ubushake n'ubushobozi kandi bujuje ibisabwa mu gucunga amavuriro y'ibanze (Health posts) mu rwego rwa « **Public Private Community Partnership**», ko bwifuza kwegurira ba Rwiyemezamirimo amavuriro y'ibanze yo ku rwego rwa mbere (FGHP) akurikira:

| No | Umurenge | Akagali | Izina ry'Ivuriro | Urwego rw'ivuriro |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Karenge | Kangamba | Kangamba HP | Urwego rwa mbere |
| 2 | Nzige | Rugarama | Rugarama HP | Urwego rwa mbere |
| 3 | Fumbwe | Nyamirama | Nyamirama HP | Urwego rwa mbere |
| 4 | Munyiginya | Nyarubuye | Nyarubuye HP | Urwego rwa mbere |
| 5 | Mwulire | Mwulire | Mwulire-Rebero HP | Urwego rwa mbere |
| 6 | Rubona | Nawe | Nawe HP | Urwego rwa mbere |
| 7 | Munyaga | Zinga | Zinga HP | Urwego rwa mbere |

**Ubyifuza agomba kuba yujuje ibi bikurikira**:

1. Kuba ari umunyarwanda cyangwa company, NGO, yemerewe gukorera mu Rwanda
2. Kuba afite ubushobozi bwo gucunga ivuriro ry'ibanze
3. Kuba yiteguye gukorera mu karere ka Rwamagana mu kagali ivuriro riherereyemo

4. Kuba ari umuforomo cyangwa afite umuforomo A2/A1, Midwife cyangwa Clinical Officer wujuje ibisabwa.

Uwujuje ibisabwa yageza ibi bikurikira mu bunyamabanga bw'Akarere ka Rwamagana bitarenze tariki **ya 25/01/2024 saa kumi n'imwe z'umugoroba (17h00)**:

1. Ibaruwa yandikiwe Umuyobozi w'Akarere ka Rwamagana isaba gukoresha ivuriro ry' ibanze,
2. Icyemezo cya RGB cyemerera NGO gukorera mu Rwanda (igihe usaba ari NGO)
3. Icyemezo cya RDB gihabwa kompanyi ikorera mu Rwanda (niba usaba ari kompanyi),
4. Umuforomo/ umuforomokazi wikorera, ukorera NGO na Company agomba kuba afite:
   - Umwirondoro wuzuye kandi usinye,
   - Fotokopi ya diplome iriho umukono wa Noteri,
   - Fotokopi y' indangamuntu
   - Icyangombwa kigaragaza ko yibaruje mu rugaga rw' abaforomo n'ababyaza kiriho umukono wa Notaire,
   - Fotokopi y' icyangombwa (license) kimwemerera gukora uwo mwuga kiriho umukono wa Notaire,
   - Icyangombwa gitangwa n' umukoresha we wa nyuma

Bikorewe i Rwamagana, kuwa 05/01/2024

**MBONYUMUVUNYI Radjab**
**Umuyobozi w' Akarere ka Rwamagana**